

Ni nde navugisha nkeneye ubufasha ku burezi budasanzwe bw'umwana wanjye?

Hari ibishobora kugufasha wowe n'umwana wawe. Ushobora kumenya ibijyanye n'uburenganzira wemererwa n'amategeko n'aho wakura ubufasha. Ntutinye gusaba ubufasha. Ibi ni bimwe byagufasha gutangira:

**Ishami ryo kubungabunga
ubukungu muri Arizona (DES),
Gahunda ifasha abana bato (AzEIP)
(602) 532-9960**
des.az.gov/services/disabilities/developmental-infant

Ritanga ubufasha n'ibikoresho ku miryango ifite impinja n'ibitambambuga bafite ubumuga batagejeje imyaka 3.

**DES yo muri Arizona, Agashami
gashinzwe ubumuga mu mikurire
y'ubwenge cyangwa y'umubiri
1-(844) 770-9500**
des.az.gov/services/disabilities/developmental

Itanga serivisi ku bantu bujuje ibisabwa bafite ubumuga mu mikurire y'ubwenge cyangwa y'umubiri n'imiryango yabo.

**Ishami ry'uburezi ryo muri Arizona,
Serivisi z'abanyeshuri bihariye
(602) 542-4013**
azed.gov/specialeducation

Rikora ibishoboka ngo abanyeshuri bose bo mu mashuri ya leta bafite ubumuga bujuje ibisabwa bahabwe uburezi ku buntu kandi bukwiye.

**Kurera abana badasanzwe (RSK)
(602) 242-4366 cyangwa (800) 237-3007**
Raisingspecialkids.org

Umuryango udaharanira inyungu utanga ibikoresho n'amahugurwa ku miryango ifite abana babana n'ubumuga kugeza ku myaka 26. RSK ishobora kandi gutanga ubufasha mu rwego rwa Gahunda y'uburezi bwhariye (IEP).

**Ikigo gishinzwe amategeko
arengera abafite ubumuga muri
Arizona (ACDL)
(602) 274-6287**
azdisabilitylaw.org

Ni umuryango udaharanira inyungu ugamije guteza imbere no kurengera uburenganzira bwemewe n'amategeko mu bwigenge, ubutabera n'uburinganire bw'abafite n'ubumuga. Ikerekezo cyawo ni umuryango mugari, aho abantu bafite ubumuga bishimira kwemerwa nta mbogamizi.



**Gahunda yo kwimura no
gutuza impunzi muri
Arizona
1789 West Jefferson
Phoenix, Arizona 85007
Telefoni: (602) 542-6045**

